REPUBLIQUE RWANDAISE
MINISTERE DE LA JEUNESSE
ET DU MOUVEMENT COOPERATIF
B.P. 1044 - KIGALI

Kigali, le 11 OCT. 1985

N° 3720 /15.06.02

Bwana NDUWIMANA Silivesitiri
Umuyobozi w'Ikigo cy'Urubyiruko
cy'i GATI Komini ya MUHAZI
Prefegitura ya KIBUNGO

Bwana,

Nkulikije ibaruwa yawe n°02/15.16/07 yo kuwa 10/09/1985 wandikiye Bwana Prefe wa Prefegitura ya KIBUNGO umumenyesha abagize Komite ya Selire y'Ikigo uyobora, nasanze muli iyo Komite halimo umwalimu w'umunyamahanga witwa KAKOZA Moïse kandi ingingo ya 11 ya statut ya M.R.N.D igira iti :"Abanyamahanga bashobora gushyigikira Muvoma yacu. Umunyamahanga ushyigikiye Muvoma yacu ni uwemera kandi agatera inkunga ibitekerezo byayo ariko ntashobora kwinjira mu nzego zayo".

Kubera iyo ngingo rero ugomba kumusimbuza undi mu militant ukulikije uko abali bemerewe gutorwa bakulikiranye mu majwi.

Ministri w'Urubyiruko no
Gutsura za Koperative
NDINDILIYIMANA Agusitini
Lt Col BEM.-

V.O. Original de la Jeunesse

Bimenyeshejwe :
- Bwana Prefe wa Prefegitura
KIBUNGO
- Bwana S/Prefe wa S/Prefegitura
RWAMAGANA-KIBUNGO
- Bwana Burugumesitiri wa Komini
MUHAZI-KIBUNGO

CENTRE DE FORMATION
DES JEUNES DE GATI
COMMUNE MUHAZI
PREFECTURE KIBUNGO

Gati, le 10/9/1985
Nº 02/15-16/07

2/10/85
DGI → DF
Il ya eu changement dans ce comité, le prière remplacer
30/9/85
7005/15.04
8/10/85

Bwana Prefe wa Prefegitura
KIBUNGO.

Bwana Prefe,

Nkulikije amabwiliza ya stati ya Mouvement Révolutionnaire iharanira amajyambere y'u Rwanda mu ngingo yayo ya 61 mu gika cya 1 n'ingingo ya 63 mu gika cya 2, mbohereje lisiti y'abagize Komité ya Selire y'ikigo cy'urubyiruko cy' i Gati batowe taliki ya 9/9/1985.

Dore uko iteye:

1. NDUWIMANA Sylvestre, Umuyobozi w'ikigo, Responsable wa Komité ya Selire
2. KAKOZA Moïse , Umwalimu mu Kigo
3. GATSINDUKA P.Céléstin, Umwe mu Rubyiruko
4. RWEMALIKA Valens , Umwe mu Rubyiruko
5. MUSONI Elidbu , Umwe mu Rubyiruko
B

Bimenyeshejwe:
- Bwana Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative KIGALI
- Bwana Suprefe wa Suprefegitura RWAMAGANA.
- Bwana Burugmestri wa Komini MUHAZI.

Umuyobozi w'ikigo cy'Urubyiruko cy'i GATI

NDUWIMANA Sylvestre